

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA**  
**MADAME JEANNETTE KAGAME**  
**MU IHURIRO RY'URUBYIRUKO "IGIHANGO**  
**CY'URUNGANO" KU RWEGO RW'IGIHUGU**

**Gisagara, Ku wa 09 Kamena 2023**

**Nyakubahwa Minisitiri,**

**Nyakubahwa Munyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE,**

**Bayobozi bakuru b’Inzego z’Umutekano,**

**Abahagarariye imiryango y’abarokotse Jenoside,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye z’igihugu turi kumwe uyu muni,**

**Bafatanyabikorwa, Batumirwa, Abatuye Intara y’Amajyepfo,**

**Muraho neza!**

**Rubyiruko, Bana Bacu, Mukomere!**

Umuhanzi Rugamba Sipiriyani mu bihangano byinshi byiza yadusigiye hari indirimbo ye yitwa *‘Urungano’* nifuje kwifashisha kuri uyu muni twibuka urubyiruko - urungano rwanyu rwishwe muri Jenoside. Yagize ati: “Rungano nkwbuke, nkwezihize nkogeza, nkuvuge, nkuririmbe n’ejo.”

N’ubwo hari benshi tutamenye, cyane mwebwe **‘Génération’** ya nyuma ya Jenoside, iyo twibuka abacu tubibuka tunabizihiza, tubavuga ibigwi - duteraniye hano rero uyu muni ngo twibuke urubyiruko ku nshuro ya 29, byanahuye n’imyaka 10 y’ihuriro ry’urubyiruko *‘Igihango cy’Urungano’*.

Tubirebeye mu ishusho y'imikurire y'umuntu, umu **'jeune'** ufite imyaka 29 aba ari umuntu mukuru ndetse ufite n'inshingano zitandukanye haba kuri we ubwe, umuryango n'igihugu; ndetse hari n'abamaze kubaka ingo zabo.

Umwana w'imyaka 10 nawe ni umwana utangiye guca akenge uri hafi gusoza amashuri abanza. Aba amaze kumva no kwiga byinshi.

Nifuje ko twifashisha aya mashusho yombi ngo turebere hamwe urugendo twakoze ndetse n'ibyo tumaze kwiga muri iyi myaka. Mu gihango twahanye cyo kubaka u Rwanda Duhagaze he? Twize iki? Turinda dute ibyo twagezeho?

**"Igihango cy' Urungano"** ni umwanya ukomeye wo kuzirikana urubyiruko urungano rwanyu, bari bafite inzosi nk'izo mufite uyu muni, bafite imbaraga n'ishyaka byo gukorera igihugu.

Muri iri huriro tugira n'umwanya wo kuganira, tukigira ku mateka yacu, tukaganira ku ndangagaciro n'ubutwari byaranze ababohoye igihugu, ndetse ni n'umwanya wo gukomeza guharanira ko imvugo **'Never Again'** iba impamo!

**Kwibuka abacu bizahoraho. (Pause)**

Ababuze ababyeyi, inshuti, abavandimwe, mwese nagira ngo nongere mbabwire nti Mukomere! Mukomeze muharanire kwigira no kubaho kandi neza, kuko dufite amahirwe yo kuba turi mu gihugu kituzirikana.

## **Batumirwa, Bafatanyabikorwa, Bana Bacu,**

Nagira ngo dufate uyu mwanya, twongere dutekereze ku byo twagiye twiyemeza mu myaka icumi iri huriro rimaze:

- Ese nk'uko tubiyemeza buri mwaka muri iri huriro, tugira uruhare mu guharanira ubumwe no kurinda ibyagezweho?
- Ese uruhare rwacu ni uruhe mu kurwanya ipfoby n'ihakana rya Jenocide yakorewe Abatutsi?
- Ese ni gute mukoresha imbuga nkoranyambaga mu kwerekana ishusho ya nyayo y'igihugu cyacu n'ukuri ku mateka yacu?
- Ese iyo mutashye mu rugo, mwibuka kuganiriza abo mubana no kubasangiza ubumenyi ku mateka y'igihugu cyacu?

## **Rubyiruko turi kumwe uyu muni,**

Dukwiye guhora iteka twibuka aho twavuye, ndetse ntitwibagirwe ikiguzi cyatanzwe ngo tube tugeze aho turi uyu muni, ibyo nibyo bizadufasha guhora tuzirikana intego nyazo z'iri huriro.

Abatanze icyo kiguzi gikomeye cyo kubohora iki gihugu cyacu bose bari bahuriye ku ndangagaciro yo gukunda igihugu. Barirenze, ndetse bitanga batizigamyeye, kugira ngo tube dufite igihugu cyiza kandi gitekanye. Ntabwo baduhaye igihugu gusa, ahubwo banahaye Abanyarwanda agaciro, iterambere, ubumwe n'ibindi byinshi byiza.

## **Ese twabitura iki?**

## **Rubyiruko, Bana bacu,**

Nk'uko twabyibukijwe na Nyakubahwa Ministiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu, ni ubwa mbere mu mateka yacu hashize imyaka 29 nta bwicanyi bubayeho mu Rwanda.

Ntabwo dukwiye kwirara rero ngo aya mahoro tuyafate nk'ibisanzwe ndetse nta n'urwitazo dufite, rwatuma tudahitamo neza kuko amahitamo yacu arasobanutse.

Ntabwo twakwirengagiza intambwe ishimishije igihugu cyacu kimaze kugeraho, haba mu rwego rw'ubutabera, gushaka amahoro n'umutekano ku isi, imiyoborere myiza, ikoranabuhanga, guharanira ubwuzuzanye hagati y'umugore n'umugabo, guharanira iterambere ry'umwana w'umukobwa, n'ibindi.

Mu kinyarwanda tuvuga ko 'Nta heza haruta iwanyu' - Abarwaniye iki gihugu bazanezewa no kubabona muharanira kubaka u Rwanda mukaruteza imbere. Twese dukwiye kwibona nk'abanyamigabane muri uyu mushinga wo kubaka igihugu.

Munyemerere twibukiranye bimwe mu bishobora kubafasha gukomera ku gihango twagiranye:

- Ikoranabuhanga dufite uyu munsu ridufasha kwiyigisha bidasabye ko tujya kure. Mukoreshe neza ayo mahirwe kuko uburezi ari urufunguzo rufungura imiryango y'iterambere. Benshi muri mwe uyu munsu mufite 'smartphones', muzikoreshe neza mwiungura ubumenyi.

Mugire ubushishozi mu gihe muhitamo abo mukurikira n' ibyo mureba ku mbuga nkoranyambaga, kuko byose atari ko ari ukuri cyangwa ngo bibagirire umumaro.

➤ Muhangane n'ibyo benshi mu rungano rwanyu bagwamo byo **gushaka kugera kuri byinshi utavunitse (haba mu mbaraga cyangwa ubwenge)** bakanyura mu nzira z'ubusamo mwita **“shortcuts”**.

➤ Mukomere ku **budaheranwa**. Uyu munsu u Rwanda rutuwe n'urubyiruko rwarokotse Jenocide, ababohoye igihugu, abagizwe ibikoresho byo gukwirakwiza ingengabitekerezo ndetse bakagira uruhare muri Jenocide, ndetse na ba ntibindeba.

Buri wese mu mwihariko we afite ibishobora kuba byamuherana ariko mwe kwemerera uwashaka ko mukomeza kwirebera mu ndorerwamo y'amoko kuko ntawe byigeze bigirira umumaro.

➤ Buri munsu, mufate umwanya wo gutekereza ku byiza cyangwa ibibi bishobora guturuka ku byemezo mufata cyangwa ibikorwa mukora haba mu gihe cya vuba cyangwa mu gihe kiri imbere. Mwumvise ko icyizere cyo kubaho mu Rwanda cyazamutse, ubu turi hafi kugera ku myaka 70. Murumva ko tugifite umwanya wo gukora kandi byinshi - dukore byiza rero.

- Ntimugire uwo mwemerera gukora ikibi yitwaje ko ari uburenganzira bwe kuvuga no gukora ibyo ahatse. Uburenganzira busesuye n' iterambere ry'ukuri si ugukora ibyo ushaka ahubwo bituruka ku bwumvikane no gusenyerera umugozi umwe.

### **Bana Bacu,**

Nagira ngo twibukiranye ubutumwa bwa Nyakubahwa Perezida wacu ubwo twatangiraga iminsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 29. Yatwibukije ko nk' **“Abanyarwanda tutazongera kwemerera na rimwe uwo ari we wese ushaka kudutandukanya, kuko twabigize birenze ibihagije”**.

Ubu abenshi muri mwe mumaze gukura. Muzi ukuri kandi mumaze gusobanukirwa ko usenye ubumwe bwacu aba asenye igihugu cyose.

**Uru Rwanda ni rwo dufite nta rundi** - ubwo bumwe rero mubukomereho.

Nk'urubyiruko mugaragaza imbaraga nyinshi mu kubaka u Rwanda, ariko intera iracyari ndende.

Hari bamwe mu rungano rwanyu, bacyemera gukoreshwa n'abashaka kugira nabi, bagakomeza gupfobya Jenoside no kubiba amacakubiri, kandi bakabikora mu izina ry'urubyiruko - mu izina ry'Abanyarwanda.

Gupfobya no guhakana Jenoside ni ibikorwa by'ubugwari bigamije kubarooha - tube maso rero tubyamagane.

Ntabwo mukwiye kuba mugiceceka imbere y'uwo ari we wese wakongera gushidikanya ku **isano-muzi** iduhuza 'Ndi Umunyarwanda'.

Ese muzi ko u Rwanda ari kimwe mu bihugu bya Afurika bivuga ururimi rumwe gusa? Harya ubwo, abadutandukanya baducamo ibice bate?

### **Batumirwa, Bana Bacu,**

Mumfashe dushimire abanditsi cyane cyane abakiri urubyiruko ndetse n'abandi bakomeza gutanga umusanzu mu kuvuga ukuri no kubika amateka yacu mu nyandiko ndetse no kudufasha kwihugura n'uburyo bwiza bwo kuyahererekanya.

Nta mubare runaka rero uhagije w'ibitabo, ubushakashatsi, indirimbo, imivugo n'ibindi byavuga bihagije amateka yacu.

Munyemerere kandi mbasabe ko dukomeza kuba hafi Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi. Mukomeze kuba abarinzi nyakuri ba bagenzi banyu aho muri hose **(Your Sisters' and Brothers' keepers)**.

Rubyiruko, muri isezerano n'imbaraga zidacogora z'igihugu cyacu.



Tuzi neza ko kwirebera mu ndorerwamo y'amoko, amacakubiri, aho dukomoka nta cyiza byigeze bitugezaho. Tuje tunibaza tuti ubundi ni nde ubyungukiramo? Ese birashoboka ko mwebwe urubwirako rw'uyu muni ari mwebwe mwabishyiraho iherezo?

Ese mwatwemerera gukabya inzozi zo kubona **Génération** yanyu ari yo idufasha gutsinda burundu uru rugamba rw'abatuvugiramo n'abigize abavugizi b'Abanyarwanda bagamije gusenya ubumwe bwacu.

Bana Bacu, icyo tubifuriza nk'ababyeyi n'uko mu myaka izaza nimusubiza amaso inyuma muzashimishwa n'uko mwasigasiye umurage w'Ubumwe. icyo kizabe igihango cy'urungano gihoraho.

Mbifurije gukomeza kugira ibiganiro byiza.

**Dukomeze Kwibuka Twiyubaka!**

Murakoze!